

Ibaraza rya kabiri n'irya gatatu

- Bigenze nk'uko wabigenje ku ibaraza rya mbere, ariko ushinge ibiti bya cm 60 ku ibaraza rya kabiri, naho ku ibaraza rya gatatu ushinge ibya cm 40, hasigaramo cm 20 hejuru, uko imizenguruko ikurikirana
- Siga utuyira 2 cyangwa 3 (Dufite cm 30).

2. umurima ufite amabaraza w'amatafari



- Toranya aho ushyira umurima.
- Ca uruziga rwa cm 50 z'umurambararo hagati yaho umurima ugomba gushyirwa.
- Ca uruziga rwa 2 kuri cm 65 (0.65 m) uvuye ku ruziga rwa 1 (ibaraza rya mbere). Cm 15 ziyongera kuri cm 50 ufatiye ku rugera rw'ubugari bw'itafari rya rukarakara.
- Ca uruziga rwa gatatu kuri cm 65 (0.65 m) uvuye ku rwa kabiri (ibaraza rya kabiri)
- Cukura umwobo mu ruziga rwa mbere ugeze kuri cm 20 z'ubujyakuzimu ukuremo iryo taka.
- Shinga ibiti 5 cyangwa 7 bya m1 ku muzenguruko w'uruziga rwa mbere, ubishimangire ukore ku buryo hasigara cm 80 hejuru y'ubutaka, wubake umutiba ukoresheje ibyatsi, umucaca wumye cyangwa ibishangara (amashara)
- Shyiramo ibyatsi bibisi bibora vuba ugeze kuri ¾. Uzakomeza kujya wongeramo ifumbire cyangwa ibisigazwa byo mu gikoni n'amazi kugira ngo bibore vuba.

Gukora ibaraza rya mbere

- Ubaka urukuta rw'amatafari ruzengurutse ku ruziga rw'ibaraza rya mbere, ugeze kuri cm 60 z'ubuhagarike. Ubu buryo bw'amatafari cyangwa amabuye ntibusaba kubanza gushinga ibiti ku muzenguruko, ugenda wubakira ku ruziga.

- Ubu buryo bw'amatafari kandi ni uburyo budahungabanya ibidukikije kuko uba wirinze gukoresha ibikoresho bya plastiki (Bizwiho kwangiza utunyabuzima turi mu ubutaka)
- Uzuza muri iryo baraza ubutaka buvanze n'ifumbire.

Ibaraza rya kabiri n'irya gatatu

- Bigenze nk'uko wabigenje ku ibaraza rya mbere, ariko urukuta urugarukirize kuri cm 40 z'ubuhagarike ku ibaraza rya kabiri, naho ku ibaraza rya gatatu urugarukirize kuri cm 20, hasigaramo cm 20 hejuru, uko imizenguruko ikurikirana
- Siga utuyira 2 cyangwa 3 (Dufite cm 30).

Iyo gukora umurima w'amabaraza birangiye, haterwa imbuto cyangwa ingemwe ku mirongo izengurutse ku mabaraza.

Ni byiza gusasira umurima iyo umaze guterwaho ibihingwa.

Ibihingwa biteye mu murima w'igikoni bikwiraye kwitabwaho hakorwa ibi bikurikira:

- Gusasira n'ibyatsi byumye kugirango ubutaka bugumemo ubuhehere
- Kuhira/Kuvomera (Shishoza ko amazi ataba menshi cg macye)
- Kubagara ibyatsi bibi
- Kwicira ibihingwa kugirango hagabanywe ubucucike, hasigara ibimeze neza kandi bihanye intera ihagije.
- Kugenzura indwara n'ibyonni no gutera imiti (Idahumanya ubuzima ubuzima bw'abantu n'utunyabuzima two mu butaka) iyo bibaye ngombwa
- Kuzitira umurima igiye uri ahantu hagera amatungo cg ibisimba, umuyaga mwinshi, bishobora kwangiza ibihingwa. Uru ruzitiro kandi ushobora kurubya umusaruro uteraho imbuto zishingirirwa nk'nyanya, cocombure, watermelon, ibishyimbo, n'ibindi
- kwirinda ko ibisigazwa by'ibihingwa byasaruwe bisigara mu murima. Ubikuramo ukabibaza ifumbire ubyongera ku bindi bikenerwa kugira ngo ukore ifumbire y'umwimerere ari byo ; ibisigazwa byo mu gikoni ndetse n'ifumbire ivuye mu matungo



IMFASHANYIGISHO KU MURIMA W'IGIKONI



Mata 2024

Igisobanuro

Umurima w'igikoni uhingwamo imboga n'ibindi bihingwa bikungahaye ku ntungamubiri kugirango abantu bihaze mu biribwa, mu buryo bworoheye buri wese kandi hafi ye.

Utuma imiryango, ibigo by'amashuri, n' amavuriro babona ibyo kurya hafi kandi bigifite intungamubiri zabyo, bakanazigama amafaranga akoreshwa mu guhaha.

Umurima w'igikoni iyo ufashwe neza utanga ibiribwa igihe cyose cy'umwaka, ugatanga ibiribwa bitanambye, kandi ugatanga ibyunganira indyo yuzuye.

Ibikenerwa mu gushyiraho umurima w'igikoni

Ubushake n'umwete ni ingenzi, ariko nanone ukenera:

Iteganyabikorwa

Kumenya ubwoko bw'imboga wifuza guhinga n'aho uzazihinga, icyo uzakoresha umusaruro, ndetse n'uko uzajya usimburanya ibihingwa


Uko ibihingwa bisimburanywa:

Umuryango	Ibihingwa (ingero)	Igihe bimara bitagarurwe
Ibisantobo	Inyanya, Intoryi, Urusenda, puwavuro	Ibihembwe 2
Ibinyanzuzi	Ibihaza	Igiheembwe 1
	Kokombure, Wotameloni	Ibihembwe 2
Ibinyamashu	Amashu, Chufururi, Burokori	Ibihembwe 2
Ibitunguru	Ibitunguru, Puwaro, Tungurusumu	Igiheembwe 1
Ibinyamisogwe	imiteja y'ibishyimbo, imiteja y'amashaza	Igiheembwe 1
Umbeliferusi	Karoti, Cereli	igiheembwe 1

Si byiza gusimburanya ibihingwa byo mu muryango umwe mu ibaraza rimwe. Urugero: Gutera tungurusumu ahavuye ibitunguru, cyangwa amashu ahavuye burokori

Guhumbika

Guhumbika ni igikorwa cyo gushyira imbuto mu butaka kugirango zimere, ugamiye kuzitera aho zizakurira.



Ubutaka

Ubutaka ufite uko bwaba bungana kose, bwafasha mu kweza zimwe mu mboga ukenera bigatuma ugira imirire myiza. Ubutaka bukwiye kuba bufite ifumbire, hagera urumuri, hagezwa amazi ku buryo bworoshye.

Ubutaka buteguwe neza buba bifite ubuhumekero, bufasha udusimba duto nk'iminyorogoto, Ibimonyo, n' ibishorobwa kororoka, bityo tugafasha kwinjira umwuka no gutuma Ifumbire ibora vuba.



Ifumbire iboze neza irimo ifite utunyabuzima two mu butaka twinshi



Ifumbire igiye kuvangwa n'itaka ryifashishwa mu murima w'igikoni

Gutegura umurima

Gukora umurima ufite amabaraza

Ibikoresho bikererwa

Iyo ushaka gukora umurima w'amabaraza 3 ya 0.5 m, ushobora gukenera:

- Ibiti (5-7 bya 1m, 15 bya 0.8 m bijya ku ruziga wa mbere, ibiti 27 bya 0.6 m bijya ku ruziga rw'ibaraza rya kabiri, ibiti 37 bya 0.4 m bijya ku ruziga rw'ibaraza rya gatatu).
- Ubutaka bwo hejuru buhingwa.
- Ifumbire y' imborera iboze neza.
- Umugozi n'ibiti.
- Ibyatsi bibisi bibora vuba.
- Amasuka, ingorofani n'ibitiyo.
- Inyundo, ibuye cyangwa ikindi gikoresho cyo gushinga ibiti mu butaka cyangwa kuringaniza amatafari.
- Amatafari/sheeting cyangwa ibindi bikoresho byo gutangira ubutaka.
- Ibyatsi byumye, umucaca cyangwa ibishangara(amashara).

Uko bikorwa

1. umurima ufite amabaraza wa sheeting



- Toranya aho ushyira umurima.
- Ca uruziga rwa cm 50 z'umurambararo hagati yaho umurima ugomba gushyirwa.
- Ca uruziga rwa 2 kuri cm 50 (0.5 m) uvuye ku ruziga rwa 1 (ibaraza rya mbere).
- Ca uruziga rwa gatatu kuri cm 50 uvuye ku rwa kabiri (ibaraza rya kabiri)
- Cukura umwobo mu ruziga rwa mbere ugeze kuri cm 20 z'ubujyakuzimu ukuremo iryo taka.
- Shinga ibiti 5 cyangwa 7 bya m1 ku muzenguruko w'uruziga rwa mbere, ubishimangire ukore ku buryo hasigara cm 80 hejuru y'ubutaka, wubake umutiba ukoresheje ibyatsi, umucaca wumye cyangwa ibishangara (amashara)
- Shyiramo ibyatsi bibisi bibora vuba ugeze kuri ¾. Uzakomeza kujya wongeramo ifumbire cyangwa ibisigazwa byo mu gikoni n'amazi kugira ngo bibore vuba.

Gukora ibaraza rya mbere

- Shinga ibiti bya cm 80 ku muzenguruko w'uruziga wa kabiri, ubishimangire hasigara cm60 hejuru. Intera hagati y'igiti n'ikindi ni cm30.
- Zengurutsaho shitingi uyizirikishe imigozi kuri ibyo biti.
- Uzuza muri iryo baraza ubutaka buvanze n'ifumbire.

